UMWAKA WA 13 N. 158 DESEMBERI 1945

Kinyamateka



CYANDIKWA LIMWE MU KWEZI
KIGULIRWA I KABGAYI (Rwanda)
Mu bihugu by'Ababiligi Amafr. 10
Mu by'Abongereza iteka: Shilingi 1,50

Abanyacyubahiro babyishakiye fr 25
Abanyacyubahiro biyumva fr 100
Usumbura C. C. P. Série Z. N. 94
Gérant responsable: (Umutegeka): R. P. Van Overschelde Kabgayi (Rwanda)

UMUNSI WA NOHELI

YEZU yabaye Umusaserdoti Mukuru wacu, ku mpamvu y'umubili yenze. Umusaserdoti ni ukuvuga «Utanga ibintu bitagatifu»; inema za Mungu zitugira abatagatifu; n'amaturo y'abantu aherejwe Mungu «isôko y'ubutagatifu». Yezu ntiyashoboraga kuba *Umusaserdoti* mbere y'ukwigira umuntu; Mut. Paulo ni we utubwira ati: «Umusaserdoti wese atôrwa mu bantu, agashyirwa mu cyimbo cy'abantu mu byerekeye Idini ya Mungu, kugira ngo ahêreze amatûro n'ibitambo byo kwitwâlira ibicumuro.» (*Ibaruwa ku Bayahudi, 5, 1*).

Mwana atarîgira umuntu, nta bwo yashoboraga gusenga Mungu, kuko nta shingiro lyabyo yali afite; Umusaserdoti asenga Mungu ku bulyo butambukije ubw'abantu bandi yasimbûye mu by'Idini. Aho yendeye umubili, ni bwo yigizemo uruginngo ruli hasi ya Mungu. Kuko rero ali Umupersona wo mu Bumungu, ugusenga kwe kukagira igicîro kiringaniye n'ikuzo ly'Ubumungu.

Bikira Mariya yendeyemo umubili rero, yabaye interuro y'uko Mungu ahabwa ikuzo liringaniye na kamere ye itagira urubibi. Yashoboreye Mungu rero ikintu Mungu atajyaga kwigilira ubwe, iyo atabitorera Bikira Mariya.

Agasengesho kacu.

«Mariya Mutagatifu Mubyeyi wa Mungu, ndabizi ntiwali ngombwa yo guhesha Mungu ilyo kuzo! Iyo ashaka gutôra undi, akaba yaramuhaye ubwo butoni, wenda ubu tuba twamubaza Bikira Marita! Aliko rero ntibikabe: ni wowe nihitiyemo ubwo ali wowe Mungu yahisemo! Ilyo kuzo wamuhesheje si ku bubasha bwawe: ni ingabire wahawe! Ubwo ali wowe watorewe kuba interuro y'ikuzo litagira urubibi lya Mungu, na njye ngeretseho agahetehete kanjye, ngahishe mu bwinshi bw'ilyo lya Yezu, ukampererereze Mungu mbone uburushaho kumusingiza.»

UKO INKA ZIZAGURWA MU MWAKA UTAHA

Ku wa 3 Septemberi 1945, Bwana JUNGERS Mburamatare w'u Rwanda n'u Burundi yaciye iteka mu byerekeye imigulire y'Inka; dore amagambo amwe yo muli ilyo Tangazo lye.

«Ibyo kugura inka mu masoko y'itegeko lya Leta bizarangira ku wa 31 Desemberi 1945. Guhera kuli iyo taliki, ubuguzi bw'inka buzagirwa ku bwende bwa nyili inka, ali mu maguliro y'abavuka-gihugu, cyangwa n'ahandi hose.

Birumvikana ko itegeko livanyweho mu byerekeye Abazungu litazashobora gusimbûrwa n'iby'Abatwara ba kavukire. Mu Batware kavukire b'igihugu, uwazashilika ubwoba bwo guhatira ingabo ze kugura inka zabo, byamuvîramo urubanza. Byongeye kandi, n'abacuruzi b'Abazungu cyangwa ba kavukire b'igihugu, babonera kuli bene ako gahato, byakulikiranwa n'Abacamanza.

Mboneveho kandi kwibutsa ko Abatware ali abakozi bahabwa umushahara wa Leta, bakaba rero batâshobora gucuruza, ali mu kuboko kwabo, cyangwa babicishije ruhinga-nyuma ku wundi. N'uko rero abacuruzi b'inka, abo ali bo bose, babujijwe rwose kuzigura zinyuze ku Batware bâzibavanira kuli benezo.»

UMUSORO W'ABARANGIJE ISHULI, BITE?

Ku wa 15 Septemberi 1945, Bwana Sandrart Rezida w'u Rwanda, yatumye ibi ngibi kuli ba Bwana Administrateri be, ngo babimenyeshe Abatware; ati:

«Umwaka w'Ishuli urangira muli Ogtoberi. Mbese Abanyeshuli bali bafite uburenganzira bwo kudasora, ku mpamvu y'uko bîgaga, bâtegekwa se gusora muli uwo mwaka barangijemo Ishuli?

Oya! Bene abo barangije Ishuli ntibategekwa gutanga umusoro muli uwo mwaka balirangijemo. Bawutanga mu mwaka ugiye gutangira.

Ndibutsa ko abatabazwa umusoro ali abakulikira ishuli babyitayeho, bo mu cyicîro cya KABILI cyo mu Missiyoni. Bene abo Banyeshuli bagomba kuba bafite urwandiko rubyemeza rw'Umutegeka w'Amashuli, ruhamya ko uwo Munyeshuli atayasibye nibura mu mezi atandatu ahise.»

URUGAGA RW'ABASENGA

Ubu twandika ibi, nta bwo turabona urwandiko rutumenyesha ibyo Papa yategetse gusaba muli Yanuari itaha. Muvuge muti: «Ibyo Papa yategetse gusaba muli uku kwezi.» Bizaba ali byo rwose, n'ubwo tutabizi, biliho.

ABATWANDIKIYE N'ABABAJIJE

KM NTIYABYISHINGIRA. - Atanazi Rugulira w'i Rubona, Missiyoni ya NEMBA. - Ibyo watwandikiye biratangaza rwose : KM ntiyemera kwo byashoboka. Ni cyo gitumye tutabitangaza. Urabibwire Epafroditi Kalima, kuko bilimo akarengane Umutware akwiliye gutegekesha mu gihugu cye.

BAGIRAMENYO MU IJOMBA

Tomas Ntaınbabazi, Umwalimu w'Ijomba, yaratubwiye ati: 1. Umugabo yagiye kurinda nijoro umulima we wonwaga n'ingurube, ziza ziwutangatanze impande zose, agira ubwoba, avuza akarûru ati: «Murakire, murakire Rubanda mwese, murakire! » Abali mu mazu i wacu turamusubiza tuti: «Urabanze wirokore, urabanze wirokore ubone ubwibuka amagara yacu! »

2. Umupadiri abaza umukobwa wendaga kubatizwa ati: «Umusaserdoti ni iki? » Undi arasubiza ati : «Ni umuntu wahawe Isakramentu i bulyo n'i bumoso! »

3. Umukambwe Karubanda ahûra n'umusore wali wakataje, akîruka, byamara akanya akagenda buhoro; uwo mukambwe ati : «Mbese ko uge, ndera hasi kubura hejuru, ni amahoro?» Uwo musore ati: «Nayihambiliye ku maguru, ndagira ngo isali itantanga ku i cumbi. »

Tomasi we, ndagushimiye; igitabo wifuza cya Misseli mu Kinyarwanda no mu Kilatini, wenda byazashoboka nta we umenya imigendere y'ibintu ! Aiko byaba byiza koko.

UWAGIYE MU BAJIJI ATALI WE

Abakristu b'i Nyakiliba, Prov. Bugoyi, batubwiye Umukristu w'i wabo wagiye mu mandwa, ku wa 10-9-1945, zigeze aho zimucana ku muliro, «shya ukuboko pe! - Banyakiliba mwe, ibyo mwabajije bindi, sinshubije: murabona ko bilimo amagambo akwiliye gutera impungenge mu Igazeti isomwa na bose: mubisiganuze Umupadri w'i wanyu mu magambo.

HITLER YARAPFUYE SE?

A. Mutarutwa uwo, arabaza iby'urupfu rwa Hitler; twavuze ibyo batangaje cya gihe bagitsinda; byali byavuzwe n'abantu bo kwa Hitler bali ku mwe na we mu minsi ya nyuma y'ugamba rw'i Berlini. Hanyuma Abarussiya bashatse umurambo we hose, barawuheba.

Ubu nta kimenyetso cy'intavuguruzwa cyemeza ko yapfuye, kuko ntamurambo we wabonetse.

Maze kandi Mutarutwa, ntushidikanye kutwohererereza amakuru y'i wa nyu: ubwo hali Abasomyi bacu, tuba twifuza no kwandi ka ibyabo. Imyandikire yanyu irasomeka neza, n'ikinyarwanda nicyo; mwatinya iki? N'Abaganda kavukire nka Eduwardi Damulira, batwandikira mu kinyawranda bazi tukabatunganyiliza amagambo yacyo yanditse bwa kiganda, (ku nyuguti zabo).

UBUTESI BURACYALIHO.

Deogratias Kampayana w'i Kanyanza, ati : « Nagîye mu Cyingogo, numva abantu baho bemeza ko imisozi y'i wabo ihamagara abantu, ikababwira igihe bazapfira, maze ngo ubwo ikaba ibakenye ! Ngo biba n'i Rambura, n'i Murunda no ku Nyundo no ku Mubuga ! Ibyo mubitegetse iki na mwe mutambeshya. - Bavuga kandi ko Nyabingi - Biheko ifite ububasha bukomeye igaterura umuntu, cyangwa ikamumanika ! «

Deogratias we, abakubwiye ibyo, niberure baraguze uko bisanzwe ! Uzi ko n'inkotsa yahoranye ubwo bubasha bwo ku rulimi rwa rubanda ! N'aho umuzimu yaba ahawe na Mungu uruhusa rwo kugaruka mu bantu kugira icyo abamenyesha, (kandi rero ibyo byo birashoboka,) nta bwo byaba kuli ubwo bulyo butagira impamvu. Na Nyabingi wumvise, byose ni nk'ibyo bya mbere : biravugwa, aliko uzabaze uwabikubwiye, uzasanga ali inkuru mbalirano itazagira iherezo. - Nyamara urabe wumvise ko Mungu ashobora kugaragaliza ugushaka kwe muli bene ibyo byo guha abapfuye uruhusa rwo kugaruka mu nsi, kugira ngo bagaragaze icyo ashaka kwumvisha abantu. Byongeye kandi n'amashitani afite ububasha busumbye ubw'a bantu: yashobora rero gukora ibintu bidutangaza na byo ku ruhusa rwa Mungu; nyamara rero nta kiremwa gitegeka umunsi w'umuntu, kandi bene byo biremwa bitali umuntu nta bwo bifite ububasha bwo kwihindulira ibikino muli twe.

UWABATIJWE NTASUBIZE IBYO YIBYE ? -Yohani Batista Murindangabo w'i Muramba : umuntu ugiye kubatizwa, afite ibintu yahuguje abandi, abizi neza, agomba gusubiza, kuko Batismu itadukiza icyaha twagundiliye. Uwanze rero gusubiza icyo yibye, nta bwo aba yanze icyo cyaha. Abigize atyo, yaba ahawe Batisimu koko, aliko akazabonera inema yayo igihe azangira icyaha cye.

ARABURANYA ABAYISILAMU INO.

Abudula Keirura, Umusomyi w'i Kagitumba, ati : «Ni iki gituma Abayisilamu b'Abanyarwanda biyita Abaswahili, kandi ali kavukire k'ino ? -Abudula we, ijambo lya *Shehe* wavuze sindyumva.

UWABAJIJE IBY'UMWAMI N'ABAZUNGU.

Petro Ngayaboshya w'i Muramba.- ati: « Mbese Umwami ni uw'Abanyarwanda, cyangwa se ni uw'Abanyanduga? Ko iyo tuje i Nyanza twicwa n'amaseke, na we akaba atagera ino, tuzahakwa dute ? - Ikindi kandi : ko haliho Abazungu bashyira ibihanga by'abapfu mu mazu yabo, bibamalira iki ? ». Petro we, ibyo bihanga by'abapfu wabonye, ni Abazungu baba bashaka kwibutsa urupfu, no kutibagirwa uko bazamera, ngo bibafashe kwibuka Mungu. Ikindi wabajije sinashoboye kucyandika, kuko ubanza ali imbaliranoyashobora kandi gutangaza bose no kubabaza ababivuzweho.

ICYIVUGO CY'INZARA

Yohani Bwenge w'i Rulindo, icyivugo cy'inzara wohereje naragishimye. Aliko ubwo nabonye banga bene ibyo mu KM, kizandikwa ahandi. Keretse Abasomyi batubwiye icyo bifuza !

IBYEREKEYE ISAMBU N'UBWATSI BW'INKA.

Yohani Karora w'i Remera, ibyo wabajije by'ubwatsi bw'inka n'isambu, urumva ko ntabifitiye inzira ; ni iby'inama zanyu zemejwe zo ku misozi no mu Maprovinsi. Nzi kandi ko nibura Abanyakabagali na'Abanyamarangara babishyize mu nama za Provinsi zabo; umulimo wanjye ni ukuvuga icyo nduzi gikwiye, aliko amategeko ni ay'Abakuru b'Igihugu. *Nubakiye umusure sinishinze umurizo*, wa mugani.

USIGANUZA IBY'IMPFUBYI

Augustini Rwanyabugigira w'i Kigali, ibyo wabajije by'impfubyi za mukuru wawe, simfite na gato inzira yo kubibaza ; ndakugira ahubwo inama gusa : ubibaze Umwami, kuko ali ibye, we n'Abategekana na we.

UWABAJIJE IBY'AMADINI.

Paulo Gahutu w'i Rutongo: ngira ngo warangije kumenya ko *Abashismatiki* ali abantu bakomeza amahame amwe na twe, bakanga kwemera ubukuru bwa Papa byonyine. (Ilyo jambo : *Shismatiki* livuga : igitanyuke, umwitandukanye.)

Ibihugu byo mu Bulayi byiganjemo Abagatoliki, ni ibi : u Bufransa, u Bubiligi, Italiya, Hispanya, Portugali, Autrikiya, Hungariya, Cekoslovakiya, Polonya, na Irlandi. Ibyo Abagatoliki bagwiliyemo cyane, aliko ntibarute ayandi madini ubwinshi, ni u Budage, u Buhollandi, u Bwongereza, Yugoslaviya, na Rumaniya.

Ibihugu bigwiliyemo amadini yitandukanije na Kiliziya, bimeze bite? Dore nko mu Bwongereza, amadini ya Giprotestanti ntagira umubare. Ukomatanyije bose hamwe, baruta Abagatoliki ubwinshi; aliko ugiye wenda Idini ukwayo, ukwayo: Abagatoliki ni bo benshi. Bimeze bityo rero mu Bwongereza no mu Budage no mu Buhollandi no mu Bussuwisi na Yugoslaviya; ibihugu byiganjemoi Ubuprotestanti imbere n'inyuma, n Danemariki, na Finlandi na Suweda na Norveja; nyamara ni uduhugu tudafite abantu baruta Ababiligi ubwinshi cyane byose hamwe; ni byinshi rero ku mubare, aliko ku bantu ntibivunje igihugu gishyitse.

INGWE YAZIZE IMBWA.

Gaudiyozi Rukimirana w'i Mutolere, ati: Ino mu Misiyoni ya Mutolere haherutse kugwa Ingwe y'ingore, yishwe n'urugogwe. Iyo Ngwe yali isanzwe ino: yatumaze ku mbwa no ku mahene. Ijya gupfa rero, iraza nijoro kwa Andreya Bashirwe, ifata imbwa ye arayiyitesha. Irongera iragaruka ayiyitesha ubwa kabili. Ibonye ko Andreya yarinze ku mbwa ye, irigendera. Ku rindi joro iza kwa Timote Karwanyi, ifata imbwa ye; Karwanyi ayitesha ifata imbwa ye; Karwanyi ayitesha ubwa kabili. Ibonye ko Andreya yarinze ku mbwa ye, irigendera. Ku rindi joro iza kwa Timote Karwanyi, ifata imbwa ye; Karwanyi ayitesha ubwa kabili. Icyadutangaje ni akadilishya yanyuzemo gatoya cyane, kadakwiliye no gucibwamo ndetse n'agasamunyiga. Nyamara iyo ngwe, mu mubyimba yanganaga n'ihene nini. 40

Ubwo T. Karwanyi arasohoka, ahamagarana na Gregori Mihigo baturanye. Gregori uwo akagira imbwa y'intozo cyane: iramoka! Ingwe iti : « Napfaga kwumva ko na we uli aho ngaho ! » Ironjoroka buhoro, ijya kubunda ku rugo ! Bo bakibwira ko yagiye, basubira mu mazu! Ya ntozo twali twizeye, bumva ibwejuye limwe : barakulikira baraheba. N'ubwoba bunahali, kuko hali umwijima. Mu gitondo bakulikiye amaraso, basanga intumbi ya ya mbwa mu kigunda hepfo yo kwa Mihigo.

N'uko batega urugogwe, barushyiramo ya ntumbi ! Ubwo bakirutega, haza umugabo ati : « Nimucyo tugure uruhu rw'iyo Ngwe ! Izapfa ejo ! » Koko rero bukeye nyili umutego asanga yubamyemo ! Imwumvise irarurumа ! Aratabaza; duhururana ibibando n'imihini, turayica. Uruhu rwayo rwaguze amashilingi 45 ! »

AMASEGA YAJE KUREBA UKO ABAZUNGU BUBAKA !

Ngo : «inkuru mbalirano iratûbal» Amasega abili aherutse gutôra umurongo, aza kureba uko ikigo cya Astrida cyubatse ! Mama niba yali yaje guhinyuza ibyo bavuze ko Astrida yubatse neza, akanga gupfa atabyirebeye, simbizi !

Yaje azamuka ku misozi iteganye na *Minetain*, azamuka yerekeza ku Biro ! Ati : «Ntanyuze kwa KOVAKAMO sinanyurwa !» Igihe ageze hafi y'urugo, Abasilikali na rubanda bati: «Ntajye !» Isega limwe lyihisha mu gihuru, tulicaho tubyirengagije nkâna, dukulikira ilyali lyahamuye umurindi : ligwa mu kabande. Duhindukiliye ilyihishe, litubonye liravumbuka : ligashaka kwerekeza kuli Ngoma, turaligonda tulicuika mu kabande : tuhageze nabera intamoara ikomeye, aliko turalyica. Hali igihe cy'isayine n'igice.

Ni jye GABRIELI KAYIMVIJABO, Karani wa KOVAKAMO ; Astrida.

IGITWALIRE MU BUGOYI.-

Damiyani Gasenyi wo ku Nyundo yatubwiye ko i wabo havûtse umukobwa w'igitwalire ku wa 6-8-1945, apfa ku wa 16-8-1945; yali adafite amaso: aho yâbâye hâli ibintu bimeze nk'amatara y'imodoka.

ABAKURU? ISATA? AMOKO Y'ABAZUNGU?

Telesfori Kanyabatwa w'i Kinunu: Murunda,- dore ibyo wabajije. 1. Abategeka ba Leta bakulikirana batya Bwana Administrateri ashyikiliza Bwana Rezida; Rezida agashyikiliza Mburamatare; uyu na we agashyikilize Mburamatare-Mukuru wa Kongo yose; na we agashyikiliza Intebe ya Koloni y'i Bruseli, igashyikiliza Intebe y'Umwami n'Umwami ubwe - 2. ISATA ni ibicu bilimo imvura, ingakaragwa n'umuyaga ukomeye cyane wa serwakira, ukabishungura bigahinduka nk'inkingi kulya tuba tubirora.- 3. AMOKO Y'ABAZUNGU ni aya: *Abaromani* batuye u Bufransa, n'igice cy'Epfo cy'u Bubilgi (cyitwa Walloni), na Italiya, n'igice kiyegamiye cy'u Busuwisi; na Hispanya, na Portugali, no n u gice cya Kanada muli Amerika ya Ruguru; n'Amerika yo Hagati (ali yo bihugu bya Megsiki, Guwatemala, Honduras, San-Salvador, Nikaraguwa, Kosta-Rika, na Panama); na Amerika y'Epfo (ali yo ibi bihugu : Venezuwela, Kolombi, Ekwatori, Peru, Bolivi, Brezili, Paraguwe, Uruguwe, Shili, Arjentina). Ubwa kabili ni *Abagermani*, batuye u Budage, na Autrikiya, n'igice kinini cy'u Busuwisi, n'igice cy'u Bubiligi (gituye Abaflama) n'u Buholandi. Aba gatatu ni *Abanglo-Saksoni* batuye u Bwongereza, n'igice cya Irlandi, na Etazuni yo muli Amerika ahanini; (iki gihugu n'uruvange rw'amoko yose yo mu Bulayi, hakiganza aliko Abanglo-Saksoni bavuye mu Bwongereza), n'igice cya Kanada. N'*Abagreki*, n'*Abarumaniya* batuye ibyo bihugu byabo tuzi; n'*Abamagiyari* batuye Hungariya; n'*Abaskandinavi* batuye Suweda na Norveja: n'*Abadaniya* batuye Danemarki; n'*Abafini* batuye Finlandi na Estoniya; n'*Abaslavi* batuye Russiya, Polonya, Cekoslovakiya n'igice cya Yugoslaviya. N'*Ababaski* batuye mu gace ka Hispanya: n'*Abasaltiki* batuye Bretanya (mu Bufransa) n'agace ka Irlandi; no muli Galles na Skotiya ho mu Bwongereza.-

Naho ibyo washidikanyaga, ntibikwiliye gutangazwa koko.

IBYA BAGIRAMENYO BIRABESHYA.

Andreya Mutarutwa w'i Mugora, Misiyoni Rugali, mu Bwishya ati: «Mbese Bagiramenyo ni umuntu, cyangwa se ni umugani? Icyakora niba ali umuntu, azi kubeshya no kwirâra! Wowe se cya gihe yagwaga mu iliba, ko wumva yali yabuze uko avamo yashoboye ate kujya kwenda imyugaliro yo kwulilirahe? Ko nyine se yali ayivanye mu rugo, yasubiliraga iki mu iliba ngo yulire kandi? »

Mutarutwa we, ubwo ubibajije ukomeje, dore ngusubize: Bagiramenyo si umuntu, ni interuro y'amagambo yo gusetsa gusa; igisetsa cyabyo kandi, ni urwo rubanza uteruye: avuga ibintu bishandikiranyije ugahishûra amafuti yabyo.

UBAZA IBY'IMIHINGISHILIZE.

Yohani Ngerageze w'i Rulindo. Leta yifuza ko Abatware bahuza inama n'ingabo zabo, hose hakaba amahoro. Ibyo by'imikoreshereze y'i wanyu niba uruzi ko bitabanyuze, mufite inama z'i wanyu nk'uko nzibona ino. Mubuwa n'iki kubivugana n'Abatware?

ABAFITE BIBILIYA MUKOSORE! - Yohani Batista Murindangabo ati: « Muli Bibliya y'Amashuli, ku rupapuro 188 banditse ngo: *Ikizwa ly'igipfa-matwi kitumva* - (Ivanjili, y'icyumweru cya 12 guhera Pentekoste.) Hanyuma ku rwa 194 ngo: *Impuhwe z'Umusamaritani w'ingeso nziza* (Ivanjili y'icyumweru cya 12 guhera Pentekoste.) Ati: » Ko bihuje byombi, ayo mavanjili tuzabwirwa n'iki iy'icyumweru cya 12 koko? iyindi izaba iy'ikihe? »

Murindangabo we, warebye muli Bibliya y'Amashuli ya mbere; iy'ubu yakosoye kimwe utali wabonye: kiriya *gipfa-matwi kitumva*, na byo ni ikosa; hali igipfa-matwi cyumva se ubundi? Iby'ukuli ni *ikiragi* cyali n'igipfa-matwi. Ibyo Bibliya y'Amashuli nshya yarabikosoye. Aliko na yo yakomeje ikosa lya mbere ly'iyo Vanjili y'icyumweru cya 12 hombi: bili ku rupapuro rwa 228, no ku rwa 236. Muzabikosore mutya rero: ku rupapuro rwa 228, N. 37: *Ikiragi cyapfuye amatwi*: ni Ivanjili y'icyumweru *cya 11 guhera Pentekoste*. - Ku rupapuro rwa, 236, N. 43: *Umusamaritani w'ingeso nziza*: ni Ivanjili y'icyumweru cya 12 guhera Pentekoste. Bigomba gukosorwa muli Bibliya zombi rero.

AMADINI YOSE NI ANGAHE? -G. Rwamanywa, Prov. Buganza, ati: « Amadini yo mu nsi yose ni angahe? »

Haliho Amadini menshi cyane umuntu atashobora kumenya imbere n'inyuma. Akomeye cyane ni aya: 1. Ubukristu, 2. Ubuyisilamu; 3. Ubukonfusiyani, (idini mpagani y'Abashinwa); 4. Budisma (idini mpagani y'Abahindi); 5. Brahmanisma (idini mpagani yo mu Bahindi na yo); 6. Shintoïsma (idini mpagani y'Abayapani). Ayo ni Amadini akulikizwa n'abantu ba miliyoni nyinshi zigeze mu magana yazo. Nyamara aba alimo ibice byinshi bidahuje, n'ubwo umuzi wayo uba ali umwe. Ni cyo gituma utashobora kumenya uko ayo madini yose agenda arushanwa umubare w'abantu. Ayo yose kandi arágumaya gusubira nyuma buhoro buhoro, kuko abogeza Ubukristu bayambura abantu ubudahwema. Idini tuzi ko irusha yose umubare mwinshi, ni Idini Gatolika, kuko ifite abantu 430.000.000 (miliyoni 430) bategekwa n'Umutware umwe. Ayandi n'aho yageza kuli miliyoni zegereje aho, aba alimo ibice bitabalika binyuranyije, bikaba rero amadini menshi asangiye izina gusa ly'intangiliro. Dore nk'Abaprotestanti ni nka miliyoni 260, (260.000.000); alike balimo amadini arenze 200; ifite benshi muli yo ni *Abepiskopaliyani* bo mu Bwongereza bafite miliyoni nka 5 gusa, zidahuje byose na zo.

IBITABO BIGURWA?

Umunyeshuli w'i Mibirizi... ni Paliara? ni Faliara? sinashoboye kubisoma neza. Gatigisimu isobanuye iy'Amategeko ni amafranga 9; iy'Amasakramentu' ni amafr. 9, 50. Ibindi wabajije nta bwo bibaho.

MU BUGANZA NGO BAGIRAAMENYO! - Hilari Katisigwa w'i Rwamagana ati: «Mbese Bagiramenyo bite? Dore utuntu nabonye: 1- Abarundi bajyaga mu Buganda umwe afite umwana mukuru umaze nk'imyaka 10; bagulira umudereva ngo abageze ku Muvumba kwa Rujigo; umudereva ati: N'uwo mwana arishyura kimwe n'abaandi! » Se ati: Niguliliye ubwanjye, naho umwana umwihorere, nta bwo ajya muli kamiyo yawe! Ndagenda muhêtse ubwanjye, cyangwa mmukikiye! »

2- Umushumba abyaza inka, igihe kitarasohora. Ajya kubivuga ati: «Ya nka yabyaye *icyenda*! » Bene shebuja bajya kureba, bahageze bati: «Ko tureba se agatavu kamwe, zindi *munani* zili hehe? »

3- Umuburugaji w'i Kigali witwa Gervazi Gashugi aherutse kuza ino, ndamubaza nti: «Mbese wa mwana wawe amaze kungana iki? ati: «Ubu ni umwana *ukulikira abandi mu isoko!* » Bucya zihindura *amagambo* da!

Mbese nyine, ijambo lyo *kujulira*, ko atali ikinyarwanda, balyemereye iki? Numvise ko ali ilyo mu Kiganda; ko tutali Abaganda, twalyemereye iki?»

H. Katigigwa we, iteka urulimi rurunguku; iyo haje ibitekerezo bishya bidasanzwe mu kinyarwanda, bikazana n'ijambo lyabyo, tugomba kulyenda; ni ko bigenda no mu ndimi zindi. KUJULIRA, ni ukwanga urubanza rwaciliwe mu RUKIKO, ugashaka kujya mu Rukiko rwisumbuyeho. Urukiko ntirwahozeho mu Rwanda; ubwo rero ali ijambo lishya, ligomba kugenda libangikanye n'amagambo yalyo mashya. Nonese niba ugaye ilyo KUJULIRA. twabyita dute? Ilyo wazana lyose lyo kulisimbûra, lyagomba kuba ali ilidasanzwe. Ni ili n'ili rero!

IBRAHIMU YALI AFITE UNDI MUGORE?

Murindangabo we, uretse ko Ibrahimu yaba yarashatse undi mugore, yashoboraga no gutungira benshi icyalimwe, kuko Mungu atabibuzaga mu Isezerano lya Kera. Na mbere Sara akiliho, yali amutunganye n'umuja we AGAR nyina wa Ismaeli, sekuruza w'Abarabu. Aho Sara apfiliye, Igitabo Gitagatifu kiratubwira kiti: «Ibrahimu arongera ashaka undi mugore CETURA, babyarana abana 5: *Zamran*, na *Yeksan*, na *Madan*, na *Yesbok*, na *Sue*. ***(Genesi, 25, 1-2;*** Genesi ni igitabo cy'***Ibya mbere na mbere.)***

IBY'UMUGORE WA LOT wahindukaga igi shyinga cy'umunyu, urabaza niba Lot yarayoye uwo munyu! Ibyo byose wabibalije urwenya; iyo na we areba inyuma se ajya kuwutoragura, ntaba yarahindutse wo, ko ali byo bali babujijwe? Mbese n'iyo batabibuzwa: uwakabaye inkunzi y'ibintu we, ntabanza kugira akababaro ka mugenzi we ugwiliwe n'ibyago? Ibyo wabajije byerekeye ugushyingira urumva na we ko bitashobora gutangazwa mu KM. kulya wabivuze. Ibyo wavuze aliko ni ukuli: urabishyikilize Padri Mukuru. 14

AMAGAMBO MASHYA NI AY'IKI? P.M. Missiyoni Nyundo, ati: « KM, ubu haliho abantu benshi badashima imihimbire y'amagambo mashya aza mu Igazeti; ibyiza byaba kujya bahimba amagambo y'ikinyarwanda mashya. »

Yewe ga P.M., ndagusubiza igice kimwe na H. Katisigwa; ikindi kandi nkubwiye, haliho impamvu 2 z'ikubitiro zitubuza guhimba amagambo mashya mu kinyarwanda: 1 - Itegeko lya mbere ly'urulimi, ni ugutega ugutwi, ukumva uko benerwo baruvuga; uwandika, cyangwa uhimba amagambo y'ubuhanga, si we uhimba urulimi: ruremwa n'igihugu, akarukoresha mu nzira irobanura gusa amagambo ashyomôtse. Ibyo kandi ni ngombwa: uwandika, cyangwa uhimba ibintu by'ubwenge mu rulimi, iyaba yishakiraga amagambo adasanzwe, yashobora ate *kuvuga neza*, kandi azanye ibyo batumva? 2 - Amagambo mashya mu kinyarwanda, ni bibi rwose; kuki? Icya mbere, kuko nta we uyazi; icya kabili, kuko ubucishilize bwayo bugwa mu magambo yandi yali asanzwe, bikazana rero *kwitiranya* amagambo, no gutuma rero urulimi rugwiramo ubushidikanye bw'amagambo yitiranwa.

Ibyiza rero ni ugukulikiza iyo Rubanda berekeje, akaba ali yo ugondera amagambo. Niba wumva bavuga ngo «UMUDEREVA« cyangwa «Umushoferi» , akaba ali icyo wenda: bikaba kwungura urulimi rwacu. Ubwa mbere bahoze bavuga MAJORO w'i Kigali; ubu ilya REZIDA limaze kwiganza. Ibyiza ni ukwenda ilya REZIDA lyo bahisemo. Umuntu udashaka kugundîra ibitekerezo bye bwite, agashaka kwumvikana neza n'amajyambere y'urulimi rwacu, yaba amaze guhishûra ili tegeko lishya ly'ikinyarwanda: «Ubu Abanyarwanda basigaye bumva *ijwi* ly'amagambo y'Igifransa n'Icyongereza, bakalijyana mu gutwi, bakalyandika mu nyuguti zacu. «Urugero: *Gouverneur*; bati: Guvurneri. *Résident*; bati: Rezida; *Adjoint* bati: Ajwe. N'ibindi nk'ibyo. N'uko rero ibyiza ni ukwandika mu nyuguti zacu *ijwi* ly'amagambo ya kizungu twumva. Icya ngombwa ni ugusobanura icyo bivuga, bakagitôra. Wahindura ute mu kinyarwanda bene aya magambo: Isakramentu, Ukaristiya, Lisansi, peteroli, radiyo, n'ibindi nk'ibyo?

I KIGUZI UDASHYIKILIYE, UKO NKEKA!

Dismasi Kanani, w'i Mibirizi: igitabo wabajije, ubanza ngo haliho nka 3; aliko ni amafr. 521 Jyeweho iyo babivuze nsubiza udukuta twanjye mu mufuka da!

URATURONDOGOZA.

Berkmansi Rukekana w'i Kigali, ibyo wabajije by'urulimi bavugaga mbere y'Umunara wa Babeli, byavuzwe kenshi mu KM; nta we uzi urwo rulimi, kuko batazi neza urulimi rwatanze iziadi mu nsi

GACAMIGANI.

UMUGANI W'INZUNGUZWA-LIMWE

Ihirwe lyeje amaherêre, ljyanwa n'umururumba w'ubukuru

Hakubereye umugabo, akagira umugore: bombi bakaba abadiligi, bali batunzwe no kuboha ibirago bagura ga ikibatunga.

Bukeye umugabo ajya guca ubwatsi bw'ibikangaga mu gishanga, ngo aze kubukubita abwanike, babubohêshe ibirago.

Aratema, aratema, aratema ! . . . Ngo agire atya abona akanyamaswa kêza cyane, kamwicaye imbere. Nahô ako kanyamaswa kakaba Immana yihinduye ityo, uwo muntu ntabimenye

Ati : «Wa kanyamaswa we, uli nyamaswa ki?» -Iti : «Ndi *Inzunguzwa-limwe !* Unjunguje limwe agahirwa, unjunguje kabili akabyicuza !»

Wa mugabo ashinga ikibando yatemeragaho ubwatsi, afasha umuhoro hasi, ati : «Reka nkuzunguze ndêbe !» Yenda ka kanyamaswa arakazunguza ! Igihe agiye kugafasha hasi, abona cya kibando yali ashinze i ruhande cyahindutse agacumu keza k'impfura ; ngo ajye kwireba asanga yambaye imyambaro itagira ukw'isa, y'abantu b'abatware ! Ngo akebuke impande ze, asanga rwa rukangaga yalimo rwahindutse abagaragu bamukikije ! N'uko ashingûra agacumu ke, arazamûka, abagaragu bamuhombokaho ! Uko azamûka hepfo y'i we, agenda areba inka ze z'ubushyo butabahka bamumujikira !

Ubwo akibwira mu mutima ati : «Aho se ibi ndabigenza nte, ningera i wanjye muli ka karûli, na wa mugore nasize yambaye bwa bucabali bw'ubucirane ! Aba bagaragu banjye se ntibabona ko mbungutse muli aka kanya koko, bikambera umugayo?»

Ngo ajye guhinguka imbere y'aho akarûli ke kahoze, asanga kahindutse urugo rwa gitware n'ibikâli byinshi! Asanga abagaragu bandi barade ndêje ku muharuro, bamwe barabuguza, abandi bararasa intêgo, abandi barasimbuka urukiramende, abandi baratêra uruziga ! Ngo bamurabukwe baramusanganira, baramusuhûza ! Yinjira mu rugo rwe !

Naho ubwo, umugore akaba yahoze yibohera ikirago, igihe umugabo we yazunguzaga. Inzunguzwa-limwe, umugore na we abona akikijwe n'abaja, abona urugo ruhindutse rutyo ! Akaba yahoze yibwira ati: «Ibi biranyobeye ! Aliko ikimbabaje n umugabo wanjye, ubwo aza kugarukana twa duhu tw'udukwekwe yajyanye! Aba ngaba nibamubona se baragira ngw'iki?»

N'uko rero umugabo yinjiye mu rugo, asanga bimeze bityo ! Bamaze kuramukanya, umugore amutekerereza uko byagenze ! Umugabo amubwira impamvu yabyo ! N'uko baratunga, barahîrwa, baradamarara !

Ngo bimare iminsi, umugore ati : «Yewe, ibi bintu byali byiza, aliko habuzemo akantu kamwe ! Tubuze ingoma ngo birangire tube Abami !» Umugabo ati : «Wa mugore we, ibi ntitwabihoranye ! Biramaze dutunge ibyo : ka gasimba kambwiye ko kazunguzwa limwe gusa !» Umugore aragumya arabihâta, bukeye bimutera umubabaro ukomeye ! Amaze kurembya umugabo, umugabo na we ati : «Umva ye, byikwilirwa bikubabaza ! Ni koko twali tumeze nk'Abami ! Henga nzahasubire, njye gushaka ako kanyamaswa ! Niba nkabonye nzagasaba kukazunguza kugira ngo kampe n'ingoma, birangilire limwe !»

Umugabo arikora aramanuka, yerekeza mu gishanga ! Abagaragu be bamuhombôkaho ! Ngo babone atangiye kwinjira mu bikangaga, bati : Mbese mama arajya he ?» Akaba yamanukanye umuhoro w'urunana! Ageze mu izungulizo lya mbere ashinga agacumu ke, aratema ! Ngo agire atya abona ka kanyamaswa kamwicaye imbere !

Ati: «Witwa ute wa kanyamaswa we?» -Kati: «Sinakubwiye ko ndi Inzunguzwa-limwe?» Ati : «Nali narabyibagiwe! Ndashaka kukuzunguza ubwa kabili aliko, kugira ngo urangilize limwe, umpe n'ingoma!» «Aba yakabakuye arakazunguza !» «Ngo ajye kugafasha hasi, asanga yambaye twa dubu tw'udukwekwe yali yarahoranye kera; akebutse icumu lye aho yalishinze, abona lyahindutse cya kibando cya kera ! Ngo akebuke abagaragu yali yasize i musozi, aheba umuntu!

Azâmûka atyo amanjiliwe, afite isoni yibwira ati: «Ningera mu rugo, aho babandi na nasize baraza kumenya ko ali jye? Umugore ntaza kunyihakana?» Ngo ajye guhinguka, asanga aho urugo rwahoze hahindutse ka karûli ka kera, n'umugore yambaye twa ducabali ! Barumirwa !

Umugabo atekerereza umugore uko byagenze ! Umugore ati : «Na njye nali nkikijwe n'abaja, ngo njye kubona mbona nambaye ntya, ndaboha iki kirago uko nali mmeze igihe bintunguliye aha ngaha kandi !» Umugabo ati: «Genda mugore w'i Rwanda uralinkoreye!» Undi ati: «Ese ndigukoreye jye niretse! Basubira ku butindi bwabo bwa kera, babitewe n'uwo mugore washakaga kubona ingoma atagenewe n'Immana!

Sijye wahera ,hâhera ba Mutima uralikiye ibitabagenewe.

ICYO ABASEKURUZA BATWIGISHILIJE NO:

Aba kera bahimbye uyu mugani, nta gushidikanya ko bawuteruliye ku gitekerezo cy'umurage cyahererekanijwe mu milyango cy'imicumulire y'Ababyeyi bacu ba mbere.

1.- Ibyago byinshi bisenya ingo, bigatera ubutindi n'ubwinazi, bituruka ku nyota y'ibintu dushakira mu nzira Immana itatunyujijemo, cyangwa mu nzira Immana yabujije.

2 - Abagore batifitemo umutima w'ubugabo, ahubwo bakaralikira ibituma bihindura nk'abamikazi mu masô ya Rubanda, kenshi bareba abagabo babo mu byago bibahindura abatindi ; ibyo byashobora kuboneka na n'ubu mu bigurwa byo kwambara bitaringaniye n'immali y'urugo rwabo ! Umugore yabona ababarusha ubukungu bambaye batya na batya, ntareke umugabo alyama, ugasanga agira ati : «Na none singira ngo nambaye ubusa, cyangwa ngo nambaye nabi ! Aliko rero abahora babona ndahindura imyambaro, kandi bo bayihindura, bagira ngo nashatse nte ?» -Bene ibyo bigatuma um ugabo yivana n'aho yali ali!

AMAJYA MBERE MU RWANDA

Urwandiko wrarenze inganizi, rugimbulira amagambo bavuze yose. Barwandiye Umwami, kugira ngo abandi babyigâne.

K. M. we, dore kopi y'urwandiko rudahishiliye nohereereje Umwami. - Ku Mwami Mutara Sharle Rudahigwa, i Nyanza. - Mbese muracyakomaho ? Baca umugani ngo : «Ibitagira mukuru birumba ali indaro.» Aliko rero twe ntitubuze Umukuru, kandi Nyili igihugu aliho. Ni we kandi watorewe kugishyira imbere muli byose.

Twagumilije kwumva mu K. M. uko benshi bavuze iby'Amajya-mbere y'Igihugu ; bavuga ko kidashobora kujya mbere kidafite Amashuli akomeye, y'abahungu n'ay'abakobwa. Ndemera cyane ibya Dominiko Rama n'ibya H. Sebabi, bavuze ko ndetse Amashuli y'abakobwa akomeye agomba kurushaho kwihatirwa.

None rero ayo magambo twasanze twese ali ingira kamaro cyane. Ko tugumya kubisoma biga cira aho, amaherezo azaba ayahe ? Bizongere kandi biducwekerane nk'ibindi byose ? Ni yo mpamvu inteye kubivana mu magambo, ngo bijye mu bikorwa.

Nga ya amafranga 10 nkwohereje yo gutangira Amashuli akomeye mu Rwanda. Twabigiyemo inama n'Abanyanka bo muli Provinsi yacu ya Kabagali, twemeza ko nibatangira ibyo kwubakisha. Amashuli tuzayafasha ku bulyo dushoboye bwose. Aliko rero twagumiliza gutegereza, byazaruhira guceceka.

Aya mafranga 10 ntanze ndabireba ni ubusa kuli uwo mulimo twifuza ; aliko rero niba mu Rwanda rwawe habonetse abandi bakunda ikuzo ly'igihugu cyabo, bakagenza nka njye ali nka 100.000, amafranga azaba abaye miliyoni imwe (1.000.000). Nihaboneka abantu 500.000 babigeza batyo, amafranga azaba abaye miliyoni 5, (5.000.000). Kandi rero sinyatangiye kugira ngo hali icyizere mfite cy'uko hazajyamo uwanjye ; hazajyamo abana bafite ubwenge basa nka mbere, niba bikulikije uko byagasazwe. Umwana dushaka ko alijyamo, si uwa Kanaka uyu n'uyu : turashaka ko hajyamo umwana wacu twese witwa RWANDA.

Ni jye TARSISI GIHANA w'i Mwendo, Provinsi Kabagali.

ABANYARWANDA BAMEREWE NABI MU BUGANDA

(ni urwandiko rw'Umuganda byababaje, uje kubitumenyesha.)

Padri Nyakwubahwa, Umwanditsi wa KM, nje kukubwira ikintu kibabaje cyerekeye Abanyarwanda bali ino mu Buganda ; Padri ndakubwira nkomeje, sinkubwira amanyoma, kandi si ukubeshyera Rubanda : Abanyarwanda bigize ibisambo bidashoboka ! Bariba rwose ibintu utashobora, abandi bakabîca babatsinda mu mazu yabo baje kwibamo impiya n'imyenda, n'ibindi ; abandi bafashwe na bene ibintu bagafungwa. Ibyo bikantera agahinda rwose, kuko Abanyarwanda ali incuti zacu, kandi bakihindura ibisambo. Nako sinakubwira Abanyarwanda b'ino : abeza ni ugutoranya; abenshi kandi iyo ngeso yarabangîje ! Kandi ni ukwihemura mu mahanga atali i wabo : ni ugutuma batizêrwa mu kazi ka ba shebuja.

Padri urambabalire kuko ntashoboye kuguhisha ibya bene wacu aba, kandi tuli abava-nd'imwe kuli Nungu Umubyeyi wacu. Reka, reka si ibyo kuvugwa ! Ndetse basigaye babanga : byali ibyo guhanwa na KM umubyeyi wacu. Wibuke kandi : umuntu ugukunda yaguhisha inabi ? Si ibyo kwihorera mu KM : ahubwo wazabaza n'abandi bazabikubwira.

Ni jye EDUWARDI DDAMULIRA, *Umusomyi w'i Villa-Mariya, Budu, Masaka.*

Eduwardi we, turagushimiye cyane. Ubu Abanyarwanda bajya mu Buganda ni ishyano lyose: ndetse ngira ngo ushyize hamwe n'Abarundi, wasanga bagiye kuruta Abaganda ubwinshi. Ubwo intambara yashize, nta milimo ihwanye n'umubare wabo yashobora kuboneka : amaherezo y'inzira ni mu nzu rero ! Kugira ngo babone ikibatunga, bagomba guhemuka batyo ! Ngira ngo uru rwandiko rwawe rwashobora kumenyesha bamwe ko noneho bashobora *kwoga magazi*: amazi si yayandi.

NTERANYA ABASORE NGAKIZA ABASAZA

PETRO BWANKOKO ASHUBIJE YOZEFU KANYANKORE

Nda kuramutsa Yozefu Kanyankore, Igisonga cy'i Karangara, Provinsi Rukoma. N'amahoro masa ? -Mu KM cya Septemberi, ku rup. rwa 6, wavuze ko nta kamaro kwo kubagaza ibishyimbo imyumbati, kuko ibishyimbo bitâba byiza, n'imyumbati ikadindira. Ntiwerura ngo uvuge ko imyumbati irumba, cyangwa ko ibishyimbo birumba Kandi kuvuga ko nta kamaro, ibyo si koko. Ngiye kukwemeza ko guhinga ibishyimbo mu myumbati bitarumbya, kandi nkwumvishe akamaro kabyo. Turakizwa n'abaduteze amatwi, *ntidukizwe na mbuga* !

I- Guhinga ibishyimbo mu myumbati ntibirumbya.

Bahinga ibishyimbo mu myumbati ku bulyo bubili :

1. Basanza amasinde bagatêramo imyumbati, ingere nini y'umwumbati muli buli metero : bagahera ko batêramo n'ibishyimbo.

a) Iyo babagaliye ibishyimbo, baba babagaliyemo n'imyumbati. b) Basârûra ibishyimbo bakwongera kubagalira imyumbati, ikirâre kitaraba cyinshi, bongera kuyibagalira ikaba ikuze rwose.

2. Imyumbati bayitera mu rugero rwa metero imwe, nta yindi myaka bateyemo :

a) Iyo myumbati iraye bayibagaza ibishyimbo by'ibibambira, nk'aho bapfûye kubagara gusa.

b) Ibishyimbo byarara bakabibagaza, akaba ali na kwo baba babagaliye imyumbati, nk'aho babagaliye ibishyimbo gusa.

c) Bâsârûra ibishyimbo bakongera kubagalira myumbati. Hehe n'ikirare kandi I barinda bayisârûra.

II - Imyumbati bateye mu bishyimbo na yo kandi ntirumba:

a) Kuko tuyihinze kenshi, ikêra cyane, ndetse kurusha iyo mu «Gakiza» .

b) Impamvu ituma irumbuka cyane, n'uko bayisibûlira, ku mpamvu y'ibishyimbo, kandi ikaba ihingwa mu ndeka nziza, (ubwo iba ikwiliye kweramo ibishyimbo), itali ikigunda .

c) Imyumbati ntiyica ibishyimbo, kuko iba itegeranye, kandi ntitange ibishyimbo kumera; ibishyimbo na byo ntibiyica, kuko bidatindamo, kandi umwumbati ukaba imbuto iticwa n'ubusa.-

III- Akamaro kwo guhinga imyumbati mu milima imwe n'ibishyimbo

Iyo uhinze ibishyimbo igipimo cya ARE 10, ugashyiramo imyumbati, uba uhingiyemo na ARE 10 z'imyumbati. Ibishyimbo rero usârûyemo, biba bihindutse iyungu ya bipf'ubusa, y'ubwasisi bugereke ku mibyizi wahingishaga imyumbati. - No gutera ibishyimbo mu myumbati, ubagalira ibishyimbo, uwo mubyizi ukakubera imbera-byombi; naho iyo bitali mu mulima umwe, urangiza imibyizi nk'itatu muli umwe, ukajya kurangiza yindi itatu mu wundi; ikiruta rero ni ugukora gatatu ku myaka yombi, gatatu kandi ukagakoresha ibindi. Igihembo rero cy'iyo mibyizi itatu ucyungukaho if ayida.

Naho rero iyo myumbati ihinzwe mu « Gakiza », na none nta wayihinyura ; aliko rero iyo uyisâruye, igice cya kane kiba kiguze imibyizi y'abahahinze, ibindi bice bitatu ukabigira iyungu. Bene iyo yo mu «Gakiza», cyangwa iya «shiku». ikwiye guhingwa n'abarangije imilimo ; ni iyo kwongêra indeka. Kandi Yozefu ubanza ugihinga nk'ahambere, utaramenya «gaciye abili !»

Nyamara rero mbaye mbabûliye hakili kare : Iyo imyumbati ihinzwe mu bikombe, cyangwa mu matongo, no hafi y'amacukiro, nta we ushyiramo ibishyimbo, kuko bibyuka vuba bikayirengera. Ni kimwe no guhinga uruyumba mu myumbati (ibi bishyimbo byose byulira); aho waba uyihinze hose, birazirana. Ikindi kizira ni ugutera amashami y'imyumbati mato cyane, kuko ikôbâna, ikanarumba. Imyumbati ni nk'indi myaka : ushaka ko itarumba atoranya imbuto itarwaye kanti irumbuka. -Amahoro ngusezeyeho Yozefu.

Ni jye

PETRO BIVANKOKO
Igisonga cy'i Rutongo, Provinsi Buriza.

BARASHAKA ABANTU

RUGIGANA w'i Ntunga, Rwamagana, arabaza ak'umuhungu we Faustini Muvuzankwaya. Yahoze mu Bwishaza; none nta we ukimenya aho ahereye.

MURERAMANZI wo mu Kanage arabaza uwamenya akarere umwana we Zilikana ahereye mo; abadereva bamujyanye mu modoka asigaye inyuma bava i Gishali, bamumunyuranaho amureba ku musozi wa Kingi, Territwari Masisi.

NYIRABAHAKWA w'i Nyabimata, Prov. Bumezi arabaza ak'umwana we Ndalihoranye (ali na we Hategekimana); yazimiye nko muli Aprili na Mayi; arabaliza cyane cyane mu bya Astrida.

EUFRAZIYA MASABWE w'i Kanyanza arabaza aka Atanazi Gasore wagiye mu Buganda muli Februari 1936. Baheruka kumwumva ahitwa Cyagwa. Umubona azamubikire Paskali Munyambibi na Bisine na Adriyani Segakindi bapfuye.

SOFIYA NYIRAMISIGARO w'i Rwimbogo, Nyakibanda, arifuza kumenya niba umugabo we Bernardo Busongeye akibaho : amaze nk'imyaka 7 mu Buganda.

NYIRAGARUKA w'i Rwimbogo, Nyakibanda, arifuza kumenya niba umugabo Nkuramuruge wagiye Buganda akibaho ; umugore arifuza kubatizwa, a shaka rero kumenya niba umugabo atamubereye ikibuza.

GATEGE w'i Kiziguro arabaza niba Inyas Rucakatsi w'i Bukavu yarabonye urwandiko yamwohereje ; aramumenyesha ko bakili amahoro. (14-8-1945).

ABRAHAMU NTAWIRUSHINTEGE arabaza aka mukuru we Ruzezwa wahoze i Ruhunda (mu Buganza) hanyuma akajya Buganda ; akibaho ? Uwa mubona amumutahilize.

MUTWARE ATANAZI KANIMBA arabaza agakuru k'umugabo Rwagapfizi, wahoze i Rubona rwa Vugiza, Prov. Nduga ; amaze imyaka 6 mu Buganda. Inka ze zimaze kuba 4, none shebuja arashaka kuzenda. Uwo mugabo rero akwiliye kuza kubivugana na shebuja mu Rukiko. Niba atinze kuza, amaherezo zizasubizwa nyirazo, aho kwandagara aho gusa bitagira iherezo.

MUNYAZESA wo ku Gitega, Muramba, arabaza aka bakuru be Buhonga na Nyagasaza bagiye Buganda mu wa 1943. Arabatashya kandi arabasaba kugaruka kureba ibyo se yasize byandaga ye.

ALEGISI NYARUNDE w'i Mwezi, arabaza aka Nyiramanywa wagiye yerekeje ibya Kamituga ku wa 3-10 1938. -Arabaza n'aka Bihira wasubiye Buganda muli Yuli ishize. Se Duguli arifuza ko agaruka.

DOMITILLA NYIRANDAMUTSA w'i Tare (Prov. Busanza-Sud), arabaza ak'umugabo we Fransisko Kanyamanza (ali na we Kanyabushwi) werekeje mu Kinyaga mu wa 1943; bamuvuze i Shangi, hanyuma i Nyamasheke; ahereye he ?

MIKAELI BUSIZOLI w'i Bijyojyo, Budaha, arabaza ak'abakobwa be Alvera Nyirabarigira na Madalena Nsengimana bajyanywe Buganda n'umugabo Filipo Ruzabarabandi wo mu Buhoma; ababyeyi babo barabifuza cyane. Bagiye mu wa 1943.

EMERENSIYANA NYIRABITITAWEHO na Langwida Simbizi b'i Kivuya, Kansi, baratashya musaza wabo Bonifasi Serunyagu umaze imyaka 12 mu Buganda; baheruka kumwumva mu Missiyoni ya Kitovu, Masaka; agakuru ke ?

BITWENGE w'i Gikondo, Prov. Bwanacyambwe, arabaza aka mushiki we Nyirankore (Mukamusoni) wajyanye n'umugabo i Buganda mu wa 1942; i wabo baracyaliho bose, kandi barifuza agakuru ke .

Nyili icyubahiro
MUSENYERI LEO-PAUL CLASSE

Ihindukira lye mu Kwanda, na Yubile ye.

Myr Classe amaze guhabwa Ubwepiskopi, ahindukira muli Septemberi 1922, agarukanye na P. Déprimoz wali warasubiye mu Bulayi nk'ibi by'abamaze imyaka myinshi ino. Akigera ku Kanyaru ahûra n'intumwa ebyili za Musinga zagiye kumusanganilira ku nkiko y'u Rwanda . Guhera aho ngaho, Abanyarwanda ntibâreka akoza ibirenge hasi, bagenda bamwakuranwa mu bya Kansi na Save: reka si abantu bazaga kumusanganira, ntibavugwaga. Agèze i Nyanza sinakubwira uko Musinga yamusanganiye: byali bifite impamvu, kuko yali amaze kuba umuvunyi w'Igihugu, amaze kugitsindira, kandi agatabarukana ikamba ly'Ubutegetsi.

Agera i Kabgayi ku wa 6 Septemberi ; reka rero ibyishimo bya Myr Hirth n'iby'Abapadri bose bali barakoranye n'uwahoze ali Padri Classe iyo myaka yose ! Abapadri, kugira ngo babigilire urwibutso ruzahoraho, bikoranyamo amafranga yo kwubaka Kliziya y'Iseminari Nkuru y'i Kabgayi.

Ikindi cyakuhkiyeho gikomeye, ni ibiroli byo guha Kliziya y'i Kabgayi umugisha. Ibyo biroli bikorwa ku wa 8 Aprili y'uwo mwaka. Myr Hirth aba ali we bahalira icyubahiro cyo kwutanga ; ndetse Myr Classe atumira Yuhi V Musinga ngo azaze muli ibyo biroli. Ahazana n'abana be n'Abatware ishyano lyose. Ni no muli ibyo bihe byo hambere Umwami yabaga atagaragara kenshi : ibyo rero bihazana abantu batabalika. Bavuga ko bali bageze nko ku bihumbi 10. Birangiye, Umwami abwira Myr Classe ati : «Ni mwe muzi kugira ibiroli by'iminsi mikuru koko ! Naho twebwe nta watekereza n'ibibiciye urugero».

Yubile y'imyaka 25 y'Ubusaseridoti.

Uwa 31 Marsi 1925, wali uw'imyaka 25 Myr Classe amaze ahawe Ubusaserdoti. Aliko rero kuko hali mu Gisibo ibiroli bibikirwa nyuma ya Paska : babigira ku wa 19 Aprili, ku cyumweru cya *K'wazimodo* (igikulikira icya Pasika.) Missiyoni zose zo mu Rwanda zohereza abo kuzibera mu cyimbo, n'Ababikira Bera n'Abenebikira biba uko; na za Vikariyati zidukikije zohereza abo kuzabyizihiza. Bwana Rezida ahazana n'Abazungu bandi bakomeye, n'abasilikali ndetse bazanywe no kwizihiliza ibiroli; Umwami ahazana n'abantu batabalika. Ubwo haboneka n'ikintu kitatekerezwaga : Musinga yemera kurara i Kabgayi. Ibyo bica igihugu umugongo, inkuru irogera ngo : «Umwami araye i Kabgayi» Ubundi bwa mbere yali yarahaje kabili ; agahaguruka i Nyanza nko mu gicuku, akagera i Kabgayi kare, aliko agasubira i Nyanza uwo munsi, akaza kugerayo kandi nko mu gicuku : yabaga yifitiye imihango ye akulikije.

Ubwo bwa Yubile ya Myr Classe, u Rwanda rwalimo missiyoni 12, n'Abapadri-Bera 48 n'ab'Abanyarwanda 7, n'Ababikira-Bera 24, n'Abenebikira 12, n'Abakristu 30.000, n'Abigishwa 10.000; byali bije neza rero. Ubwo kandi mu Rwanda hali hamaze kwaduka ibice bibili by'Abaprotestanti : ab'Ababiligi bali bagabiwe ibigo by'Abaprotestanti bitatu byubatswe n'Abadage; n'ab'Abongereza bali barubatse i Gahini igihe Leta yabo yenze i Gisaka; aho kigarukiye aliko baguma aho bali barubatse h'i Gahini.

Amashuli Makuru

Imihigo y'amajya mbere y'igihugu

« Ndi uwo bacuranga mu gicuku bacucuma rujoka : ndi ngingo y'igikenyeli ! Ndi rûgi rw'inkorogoto, barankora ngakankama ! Ndi gisenge cy'inzu-nyarwanda uwankora nâmutokoza ! »

Gahorane Immana Rudahigwa ! Icya mbere ngusabye, mbuliza aba bantu begusèka ibyivugo byanjye ngo ntibihimbitse ! Uwandusha byiza yâza akabivuga na we, tukabyumva. Mbese kugira ibyivugo byiza bitalimo ubugabo byaba bifite kamaro nyabaki ? Ibyivugo bigirwa byiza ni ubugabo : simbubuze !

Ndi umugabo ugufitiye ishyaka, nkaligilira n'u Rwanda rwawe: ndi umugabo wâkwigilira akamaro nkakagilira n'abandi; ndi umugabo utagira ubwoba, mu byo twashobora kurwanamo by'urugamba ruhuje n'intambara z'iyi ngoma yawe; ndi umugabo ushaka ko u Rwanda rwawe rutarushwa n'amahanga adukikije; ndi umugabo wifuza ko Umunyarwanda wese yigiramo ishyaka likamusaguka umutima nk'uko mbyiyumvamo; ndi umugabo kandi waharanira kuzana ilyo shyaka mu mitima y'Abanyarwanda, kugira ngo twekuzahigwa n'Ibisumizi twumva byo ku ngoma ya Ruganzu, n'Ingangurarugo za Kigeli Rwabugili.

Intambara z'ubu zara indutse

Rudahigwa rwa Musinga, horana ingoma ! Iyi ngoma yawe, ubuswa bwacu bwali bugiye kuyihindura nk'*ingoma-ngore*, ngo ni yo *itahyutsa umuheto* ! Abazungu batuzaniye amahoro, bati : «Uzasohora umuheto wo kwambura abandi ubugingo, azabosheshwe injishi yawo.» Twihatira rero gutera ikahwa na Karitusi, ali ukwibagirwa ko na ya miheto ya kera yasohorwaga n'ishyaka ! Mbese twahugira mu bindi tukalyibagirwa, abo ku ngoma zindi bâzàturata ngo twateye Ikahwa gusa na Karitusi ?

Igitumye rero ntangira iyi mihigo, ni ukugira ngo Umunyarwanda wese wiyumvamo ubutwali, akiyumvamo n'akamaro yamalira Igihugu, agaragare ayimfashe, duhugûre lya shyaka ly'u Rwanda lyaruremye kera : tulyereke inzira nshya, y'urugamba ruhuje n'imico y'ingoma yawe.

Muli aya mezi asbize, twumvise twese uko Abanyarwanda barusembuye, balimo ALEGISI KAREKEZI na K. MUREMYARWANDA, na B. BIRACYAZA, na DOMINIKO RAMA, na H. SEBABI, na TEOBALDI RWAGITARE, na Y. NEPOMUSENI RWABURINDI, n'abandi babakulikije ; barakoze cyane : narabashimye. Nyamara singira ngo ni bo babaye abarwanyi : oya ! N'ubundi ibitero byajyaga guhaguruka hakabanza ABATASI babishakiraga inzira, kugira ngo bihaguruke bizi neza icyo bizasanga mu mahanga. Umwami n'Abatware be ni bo bagabizaga amahanga, ingabo zikayatsinda. Bariya bahungu bose rero babaye ABATASI, batwumvisha aho ishyaka ly'u Rwanda lizagilira ishya.

Umuntu wese afite uwe mwanya mu Gihugu

Abatumye u Rwanda ruba u Rwanda, si abarukomeyemo gusa: ni bose, uhereye ku mukene wo hasi, ukageza ku Mwami. Hagati y'Umwami n'umukene uburusha bose, hagandiye u Rwanda. Igihugu kireshyeshya ubukire bw'abagituye bose, nticyaboneka muli iyi si ya Mungu. Ubusumbane bw'Abanyarwanda rero bubigisha ko umuntu wese akwiliye kurwana ishyaka uko abyiyumvamo ; uruzi ko adafite ubulyo bwo kuligaragaza mu rugero ruhwanye n'urw'abamurusha amatungo, ntarekere aho gusa.

Ni yo mpamvu itumye mpaguruka mu maso y'u Rwanda rwose; singira ngo nje guhiganwa n'Abatware, ngo ndabarusha akamaro narugilira: nje kuvuga gusa ko nzarurwanira ishyaka mu rugero nshyikiliye, Abatware na bo na Rubanda rwose bakazabigira mu rugero ruringaniye n'icyiciro cyobo.

Icyo u Rwanda ukeneye kuli ubu, ni iki ?

Kuli ubu u Rwanda rukeneye Amashuli akomeye, yo kwigirwamo ubuhanga bw'ubumenyi bwa byinshi, n'ubuhanga bw'imilimo y'imyuga. Ibindi bihugu byarayaturushije.

Mu kwezi kwa YANUARI 1946 NZATANGA AMAFRANGA 1000, yo gufasha kwubakira u Rwanda Amashuli y'iremezo. Kandi mpigiye Provinsi yacu ya Marangara, n'Umutware wayo LADISLAS HAGUMA : nta we uzaturusha muli ibi bitangiye ; ndetse no mu bindi bizaza, kuko dufite umwete wo gushyira mbere ibyerekeye akamaro k'u Rwanda byose.

Ahali aho hali abazasigâna ngo si abagaragu b'Umwami ! Ibyo ndabizi; aliko rero mu matabaro Umwami ntiyahigishaga ingabo zose, kuko ingabo zose zitamwisohoreragaho. Umutware yahigishaga ingabo ze, akazasohoza imihigo yazo ku Mwami. Na n'ubu sindeba icyabibuza.

Mbabajwe gusa na Provinsi izatanga inka z'imirindi muli iyi ntambara dutangiye yo kurwanira Igihugu ishyaka !

Naho ibyo guhânira umunani wa Leta, nimubireke; Leta, ni umubyeyi wacu; nitumara kwishakamo ibyacu bwite, tuzayereka aho tugejeje, izaba itwuzuliza. Twihatire kwereka Leta uko Abanyarwanda bahurura, indurn ivugiye mu nka, kuko aho yagereye ino itali yabona ubwitange bwacu bwo kurwanira Igihugu ishyaka lishyize mu bulyo, nk'uko tubitangiye ubu.

N'uko imihigo yanjye ni iyo; simpiga ko ndusha bose ubugabo, aliko ndi umugabo utagize aho yizigama Rudahigwa mba muroga.

Ni jye TEMISTOKLES KAREKEZI, Igisonga cy'i Nyabitare, Provinsi ya Marangara, Territwari Nyanza.

MUNGU AMUHE IRUHUKO LIDASHIRA.

Tadeyo Gishoma yarapfuye , Ni uyu wigishije benshi i Nyanza, hanyuma akaba Umuforoma . Twumvise ko yapfuye gikristu rwose . Ngo yahambwe mu irimbi ly'Abazungu ku Gisenyi, ndetse ngo n'Abazungu baherekeje umurambo we . Nta kindi twamenye kirengeje aho . Yabaye ingira-kamaro kwinshi mu gihugu : abo yagiliye neza abigisha, n'abo yayigiliye abavûra. n'abo yayigiliye abigishiliza abazakabagilira, kandi abavulira abazakabagilira : mwese mumwibuke mu masengesko yanyu .

UWAKIZE INKUBA YARAYITUGANILIYE

Ku wa 12 Novemberi 1945, Yohani Mahenehene w'i Mbari, Provinsi Marangara, yakubiswe n'inkuba, ali kumwe n'inka ze ebyili : zo ziboneje mu nzira naho we akazigenda i ruhande aliko begeranye cyane ; inyana yazo na yo ikamugenda inyuma itaboneje inzira nka za nyina. Inkuba ikubise, igwangaza za nka zombi, naho we na yanyana bagwa igihumure ; ahembûka haciye akanya ; agerageje kugenda aragwa, yongeye guhaguruka aragwa. Hanyuma agumya kubabara yumva umuliro mwinshi mu mutwe no mu mugongo ; kandi ntiyashoboraga kwunamuka, kuko imitsi y'ijosi yali yafodotse. Yongeye kwiyumva neza ahagana nk'isatatu y'ijoro : byali byabaye nk'isayine.

TUBAYE TUMUSHIMIYE HAKILI KARE

Nyakwubahwa Padri ISIDORI Umukuru w'i Murunda, yemereye KM kuzamwandikira ibyo i wabo bavugaga ku Bapadri bacyaduka, kuko yagiye mu ishuli bakili mu mahema i Save. Iyo abigutekerereza usanga bitagira uko bisa; azadutekerereza rero n'ibyo kujya mu Iseminari kwabo . Twizeye ko bizaza vuba; icyo twishingiye n'uko bizashimisha .

IBINDI MUZAJYA MUBONA.- Ni imigani ya kinyarwanda nk'uyu tubandikiye none w'*Inzunguzwa-limwe*; twizeye ko hazaboneka abantu batwungukira, bakatwandikira ibyo bâba bazi . Bizadufasha gukomeza ibintu bilimo ubwenge butavugwa bwahimbwe n'abasekuruza bacu .

Ngira ngo tuzabona ubulyo bwo kubatekerereza n'ibindi tuzahindura mu bitabo by'imigani nk'iyi ya *Ezopo* yahoze ishimisha cyane mu dutabo tw'igiswahili . Uwabona bidakwiliye yavuga tukabirekera mu maguru mashya da.

MU BURUNDI

ABENETEREZA. -Ababikira kavukire bo mu Burundi bitwa « Abenetereza» , baherutse kwihererana na Mungu, barangije basubira mu masezerano yabo.

Abasezeranye bwa mbere uyu mwaka barangije Novisiya ni 2; abasezeranye burundu (ubanza ali bo mbere na mbere babisezerana) ni 6. Abenetereza bose hamwe ubu bamaze kuba 53; bali mu bigo 6. Uyu mwaka barubakirwa icya 7 mu Misiyoni ya Murehe.

YUBILE Y'ABATWARE -Umuganwa Petro Baranyanka n'Umuganwa Ludoviko Ndûwumwe bagize ibiroli bya Yubile y'imyaka 25 bamaze ku Butware. Babigiliwe hamwe mu Misiyoni; aliko Petro Baranyanka yali yabanje kubigilira i we, bitumilirwa Abazungu benshi batali hasi y'ijana, na Bwana Schmidt, Rezida w'u Burundi ahaza ubwe no mu izina lya Bwana Mburamatare; n'Umwami Mwambutsa arahaza. Ndetse n'Abatware ba Provinsi benshi bo mu Rwanda bali babitumiliwe, hashobora kujyayo *2* gusa : Ubaldi Kimonyo wa Provinsi Mayaga, na Mikaeli Rutaremara wa Provinsi Bufundu.

ABAGIRAMENYO

aherutse kumbwira ati :

1-Limwe umugabo yazamutse ku musozi wo mu Nduga witwa *Buhoro*, abali hakulya yawo baramubaza bati : «Mbese wa mugabo we ko *ugenda Buhoro*, hali uwo urinze, cyangwa se umaze kunanirwa ? »

2- Bati : «Mbese Kanaka ko wikubiye mu nzu, ni iki ? « Ati ; Nibagiwe ingofero yanjye ! » Bati »Ibyo bikakubuza gusohoka, nk'aho wibagiwe amaguru yawe ?» Ati: «Aliko data na mwe ntimutete ! Wowe liramena imbwa agahanga, none ngo ninsohoke? Bati : «Noneho ubwo na we wîmenye, wikwilirwa usohoka iki gihe koko ! »

3- Murengerantozo ati : U mutwa yarambajije ati: Mbese ko Abatutsi mwajyaga mutubwira ko mutungwa n'itabi n'inzoga, none mwebwe mukaba mwarabaye Abaprotestanti,kandi data aho ukaba wumva ko babibuza byombi, musigaye mutungwa n'iki?»

TUZENGURUKE ISI

MULI VATIKANI

Umunsi wa Assompsiyo uzabe Ihame?

Abanyamuhango wa *Of,isi Ntagatifu* (abashinzwe ibyerekeye Amahame y'Idini) baherutse gutangaza ibitabo 3 by'imitumba, byanditsemo amabaruwa 3.019 yohererejwe Abapapa kuva mu wa 1869 kugeza mu wa 1941, aturutse mu bihugu byose, asaba ko Papa yemeza agashyira *Ukujyanwamu-ijuru* kwa Bikira Mariya mu mubare w'amahame agomba kwemerwa na Kliziya yose. Muli ayo mabaruwa, halimo 1332 y'Abapatriyarki n'Abark episkopi n'Abepiskopi.

Mwibuke ko iby'Assompsiyo tubyemera, kuko ali inyigisho y'Uruhererekane; nyamara nta bwo by emejwemo Ihame: ubu uwabihakana, ntiyaba ali «Umuhakanyi» ngo acibwe muli Kliziya : aliko bashobora kumwita inkubaganyi, kuko aba yerekanye ko yihishemo amatwara yo kuzahakana n'ibindi, we uba utinyutse kutemera ibyo Kliziya yose itagatifuliza ndetse Umunsi Mukuru wa 15 Augusto.

MULI SHINWA

Bandikiye Papa

Mareshali CANG-KAI-CEK, Umuprezidenti wa Shinwa aherutse kwandikira Papa, amushimira ineza yagiliye Abashinwa ku byo yaboherereje byo kubafasha, igihe intambara yali yabajujubije ibavanye mu ngo zabo zasenyutse.

Nyamara intambara irarôta!

Ingabo za Mareshali Cang-Kai-Cek, ali zo za Leta, ubu zirarasana urugamba rw'amabihe, zirwana n'iz'igice cy'Abashinwa *b'Abakomunisti*. Abakomunisti ahali abenshi bigeze kwumva babavuga; nka Russiya yose n'ibihugu bindi itegeka, bigengwa na Leta ikulikiza *Ubukomunisti*. Ni inyigisho zishaka ko abantu bose batunga ku rugero rumwe, ntihagire uba umukungu; waba ufite inka 100, ugatunga 1 gusa, izindi 99 zigahabwa abandi bantu 99 batali bazifite. Abantu bose bakagomba gutungwa n'igihembo cya Leta, kuko ibyo bakora byose bigomba kuba ibya Leta, nta cyo umuntu yihalika cye bwite. Ilyo jambo «Komunisti» livuga ngo «Rusange.»

MU BUFRANSA.

Batoye abakuru ba Leta.

Duherutse kubabwira ko ku wa 21 Ogtoberi, Ibihugu by'Abafransa byose byatoye abo kujya gutegeka u Bufransa, no kurema Amategeko mashya y'igihugu cyabo. Bamaze gukoranira i Paris, bagiye gutôra Umuprezidenti w'u Bufransa bahuliza kuli Jenerali de Gaulle bose. Ndetse n'igice cyitwa *Abakomunisti* kitamushakaga cyabisubiyemo, umutware wacyo avuga ubwo bajya gutora, ati: «Imitorere yabayeho ubu yerekanye ko Igihugu cyashyize amiringiro yacyo muli J. de Gaulle; ntidushaka kunyuza ukubili n'ibyo rubanda rwose rushaka: na twe ni we dutôra.» - Hanyuma aliko bashatsekumutegekesha amafuti, aranga, arêgura; igihugu cyanga uburêgure bwe, ategeka uko yatekerezaga.

Umusaserdoti wazize ibyo yumvise mu Ntebe ya Penitensiya.-

Padri Foucher, (vuga : Fushe) Umukuru w'i Montargis, muli Diyosezi y'Umwepiskopi wa Orléans mu Bufransa, yahaye Penitensiya umusilikali w'Umucekoslovakiya, wali warahurujwe n'Abadage ku gabato. Ahali ubanza bali bamufitiye urwikêkwe. Bafata uwo Mupadri, bamubaza icyo yamwirezeho. Undi ati : «Nzi ko yansanze mu Ntebe nk'uko mwabirebaga : nta kindi !» N'uko bamufungа ibyumweru 7 ; aliko ubwo bamugilira nabi ku bulyo bwose, no kumubabaza mu mubili by'uruborozo, ngo avuge. Babonye byabaye iby'ubusa, baramurekura. Muli iyo minsi, ingabo z'Abibumbye ziba zirasutse i wabo, ubwo zali zimaze kwomoka. Mu ihunga ly'Abadage, umwe w'Umutegeka w'Abasilikali sinzi icyo yamuvugishije, n'uko umusilikali w'Umudage umwe amuturuka inyuma, aramurasa : bamutsinda aho. Na none umuntu yabona ko yamurashe ku nama y'uwo Mutegeka wabe, byo kugira ngo atazavuga ibyo bamugiliye n'ibyo bamuzizaga. Nyamara yarabizize rero !

Abapadri-Bera mu ntambara.

Muli Aprili ishize, bavuze ko Abapadri-Bera bâli mu ngabo z'Abafransa bâli 400 ; muli abo, Abapadri bavuye mu bihugu bya Missiyoni bâli 119 ; hali hamaze gupfamo 20.

MULI HUNGARIYA

Kardinali Seredi yarapfuye.-

Yali uwo mu Mulyango w'Ababenedigitini ; yali yaravutse mu wa 1884. Yahawe Ubukardinali mu wa 1927. Mu Bitekerezo bya Kliziya aho yatangiliye nta bwo bazi uwigeze arenza uwo Mukardinali ubuhanga mu Mategeko ya Kliziya. Yali amaze imyaka 30 yandika «Isôko y'Amategeko ya Kliziya,» yuzuza ibitabo by'imitumba 11 byo gusobanura igitekerezo cyayo gikûye ruhandi.

MULI ETAZUNI

Barakarakara ibya ya "Bombo Atomiki», bikabahanda!

Muli Novemberi hagati, Bwana Klementi ATTLEE, Intebe y'Umwami w'u Bwongereza, yagiye i Washington, umurwa wa Etazuni, ahahulira na Bwana MAKENZI-KING Intebe y'Umwami muli Kanada, bajya kubonana na Bwana TRUMAN Umuprezidenti wa Etazuni. Ibyo bavuganye ni byinshi, aliko icy'ingenzi cyali icya lya shyano lya «Bombo Atomiki» twabatekerereje. Ubu imilyango yindi, cyane cyane Abarussiya, barifuza kumenya imikorere y'icyo cyago. Bagakangisha kandi kugira bati : «Mbese ko muduhisha iby'iyo bombo, hali uwo muyubikilije ngo muzayimutunguze ?»

Abazi imikorere y'iyo Bombo, ni Leta y'u Bwongereza n'iya Etazuni n'iya Kanada; ndetse ga aho n'abayikoreshwa ubwabo ntimugire ngo ni ko bazi uko bigenda ! Umwe azana akaguru, bakamuhêza; undi akaboko; undi ugutwi; bityo bityo; byamara kurangira rero, ba nyagucura utwo tuntu twose bamaze gukumîrwa, noneho hakabonеka bakeya cyane biringiwe, bazi uko utwo tuntu twose duteranywa ! Hanyuma wabaza Kanaka wundi, uti : «Ko uba muli abo bahanga babihimba, bigenda bite wokagira so we !» Ati : «Uba uroga Umwami ! Bankoresheje akantu kagondôye gatya na gatya, maze nkabona ko kwonyine katashobora kurema iyo «Bombo Atomiki» !

Abatatu beneyo batangaje ku wa 15 Novemberi bati : «Icyo tugiye kumenyesha imilyango yose, ni « *Ububasha* Atomiki», kugira ngo twese dushyire hamwe dushake ibyo twashobora kubukoresha mu byo gushyira ibihugu imbere no kuzanira abantu ituze n'umuruhûko. Naho ubulyo bwo guhimba « *Bombo* Atomiki » nta bwo tuzabivuga vuba : keretse tubanje kumenya umuti urwanya icyo cyago, kandi imilyango yose imaze guhuza inama y'amahoro ! Naho uwabihingutsa ubu, wenda ntihabura uwabyubikiza abandi ! » Bati : « Kandi n'ubwo « Bubasha Atomiki » tuzabanza guhuza inama y'uko bizajya bikorerwa mu maso y'intumwa z'imilyango yose, kugira ngo batagira uteshwa kubikoresha imilimo, akabigobyorera mu ntwaro z'intambara zilimo iyo kabutindi ya « Atomiki ».

Ubu baricuza icyatumye bavumbura ubwo bwicanyi ! Umwe mu Bakuru ba Leta ya Etazuni aherutse kugira ati : «Hagarutse intambara yindi, igakoreshwamo iyi « Bombo Atomiki », nta muntu wasigara mu nsi ! »

MULI KANADA.

Bariyongereye cyane na ho.

Muli Diyosezi ya Halifax (vuga : Halifags) kuva muli Septemberi 1939, hahindutse Abaprotestanti 21.000, baza muli Kliziya Gatolika.

MULI SUD-AFRIKA.

Intumwa ya Papa yarapfuye

Intumwa ya Papa yo muli Afrika y'Epfo (Sud-Afrika) yitabye Mungu. Nyamara izina lye liruhije isoma: ni GIJLSWIJK (pfa kuvuga: Geylsweyk). Yali yarahashyizwe mu wa 1922 ; yali Umuhollandi; ubwo atorewe uwo mulimo, yali Umupadri wigishaga muli Missiyoni imwe yaho.

MU BUDAGE

Abibumbye barekuye abaregwaga bamwe. -

Urukiko rw'Abibumbye rwaremewe guca iz'Abadage baregwaga inabi bagiliye imfungwa zo mu nkambi ndya-bantu y'i *Belsen* (imeze nka ya yindi y'i Bukenwaldi duherutse kubabwira) barucili-ye Abadage barurindaga 42 ; muli abo 42, 14 barekuwe ; 7 bazanyongwa; abasigaye bazafugwa imyaka myinshi.

Kardinali yarapfuye

Kardinali Adolfi BERTRAM, Arkepiskopi w'i Breslau yarapfuye. - Yali yaravukiye i Hildesheim ku wa 14 Marsi 1859, ahabwa Ubusaserdoti mu wa 1881 ; aba Umwepiskopi w'i Hildesheim mu wa 1906 ; yimukira kuba uw'i Breslau mu wa 1914; ahabwa Ubukardinali mu wa 1916. Ubu rero hasigaye Abakardinali 39.

MULI ITALIYA

Ibisigazwa by'umubili wa Mut. Timote byarabonetse. - *Mut Timote* yali Umwigishwa wa Mut. Paulo Intumwa ; ni we wamuhaye Ubwepiskopi, amushyira mu kigo cya Efezi. Mut. Timote ahôrwa ibya Mungu mu wa 97 nyuma y'ukuvûka kwa Yezu. (Hashize rero imyaka 1848 apfuye). Ibisigazwa by'umubili we bigumya kubikwa mu masanduku y'ibyuma bikomeye, bagumya kandi kuyahererekanya. Ibya kera hagiraga nk'umuntu w'icyubahiro ugenderera Umwami w'igihugu, cyangwa Umwepiskopi, aka muzimanira umubili wa Mut. Kanaka uli muli kliziya iyi n'iyi yo mu gihugu cye, kuko babaga bafite imibili y'Abatagatifu ishyano lyose Uwawuzimaniwe rero akawujyana mu gihugu cyabo, ukûbakirwa kliziya bikaba urwibutso rukomeye mu gihugu kungoma zose.

N'umubili wa Mut. Timote waje utyo, ugera mu gihugu cya Italiya; bigeze aho, mbere y'umwaka wa 1300 isanduku yawo irazimira. None ubu haliho kliziya ya kera yo mu kigo cya Termolli, mu burasira-zuba bw'i Roma, yali ishaje cyane. Base nya ibihande byayo bimwe, kugira ngo bayisane ; ngo bagire batya basanga ya sanduku yali yacengejwe mu matafali, barahasibanganya rwose - Ahali aba bigenjeje batyo kwali ugutinya ko abanzi babo bazawujyana mu minyago, kuko icyogihe u Bulayi bwali bwuzuyemo intambara z'akadahwema, maze utsinze hakaba ubwo ajyana n'imibili y'Abatagatifu mu gihugu cye. Abawuhishe ubanza barapfuye batunguwe, batabonye ubulyo bwo kuharangira abandi bazabihishura nyuma.

IBITEKEREZO BYA KLIZIYA

(Igice cya 10)

Konsili y'i Tranti

Ubuheruka twabonye ko Abepiskopi 64 bali bagize Ikoraniro likomeye ku wa 8 Aprili 1546, bakabimbulira ku byerekeye Ibitabo Bitagatifu n'Inyigisho z'Uruhererekane.

Nyamara ilyo Koraniro n'ibyalitegûye byagitwaga mu ntambara ikakaje ya Kayizeri Sharle-Kwinto; Abami b'Abaprotestanti babili bo mu Budage, FREDERIKO wa SAKSE na FILIPO wa HESSE bali beruye baramurwanya, ngo bigenge ubwabo.

Uyu Filipo wa Hesse yali yashatse n'umugore wa kabili ku ruhusa rwa Luteri. Iyo ntambara itangira muli Februari 1546 mu minsi Luteri yapfuyemo. Ingabo z'abo Bami bombi zibu, mbiye hamwe, Kayizeri azitsindira hafi y'ikigo cya Ingolstat; cyane cyane yali yagize ubwenge bwo kureshya MORISI Igikomangoma cyo muli SAKSE-mwene-sewabo wa Frederiko: amusezeranya ati: « Ubwo tuzamara gutsinda ba Frederiko abo, igihugu cyawe cyali gitoya nzacyongereza icyo mvanye ku cya Frederiko, kandi nguhe n'ubukuru bwo kuba Umutôra wa Kayizeri. »

Abo Bami bombi bamaze gutsindwa, Filipo yongeza ingabo 40.000, bombi basubiza urugamba, bongera gutsindirwa hafi y'ikigo cya *Mulberg*, ku wa 24 Aprili 1546. Ndetse Frederiko afatwa mpili. Itsindwa ly'abo Bami bombi litsiratsiza ububasha bw'Ababaprotestanti bali baribumbiye kurwanya Kayizeri. (Ubwo bwigomeke bwabo bwitwa *Ubushyira hamwe bw'i Smalkalde;* mu gifransa: *Ligue de Smalkalde.* Smalkalde ni ikigo bagiliyemo iyo nama yabo) .

Ikoraniro lya Gatanu lya Konsili

Ku wa 17 Yuni 1546, KONSILI y'i TRANTI irakorana. Abali bahali bali 26; balimo Abakardinali 4, Abarkepiskopi 9, n'Abepiskopi 8, n'Abategeka b'Imilyango ya Kliziya 3, n'Abakuru ba Monasteri 2. Ibyo aliko ni ukuvuga abagira ijambo lyo kwigisha Kliziya bonyine, naho ubwo babaga bakikijwe n'Abahanga ba Teolojiya n'Abahanga mu by'Igitabo Gitagatifu n'Abamenyi b'Ibitekerezo bya Kliziya, barenze nka 300. Bene aba, ni bo bategûra ibyo Abepiskopi bazatangaza muli ayo Makoraniro. Iyo babyujuje ni bwo Ikoraniro ligirwa.

Muli ilyo Koraniro batangaza ibyerekeye Amahame y'*Icyaha cy'Adamu*. Luteri yali yaravuze ati: «Icyaha cy'Adamu, ni ubwonopekare bwa kamere yacu; ni ububore bwayo, butuma nta kintu cyiza twashobora gukora: ibyo dukoze byose, kabone n'ibyo twita byiza, byose biba ali icyaha gikomeye, gikwiliye kuducira mu muliro. » Ati: «Irali litubamo, ni cyo ki menyetso cy'ubwo bubore buhererekanywa n'Ababyeyi mu bana babo.»

Ibyo kuvuguruza aya magambo ya Luteri, ali na byo KONSILI y'i TRANTI yayatsindishije, twabyanditse mu KM cya Yuli ishize ; dusubiye muli aya magambo make gusa yerekana ko izo nyigisho zivuguruza ijambo lya Mungu :

1. «Uko uburasira-zuba butandukanye n'uburengero bwalyo, ni kwo Mungu yadutandukanyije n'ibyaha byacu. » (Zaburi 103, 12) .-

2. «Urukundo rwa Mungu rwadushâkâjwe mu mutima na Roho Mutagatifu twahawe» . (Ibaruwa ya Mut. Paulo ku Baromani, 5,5) .

3. «Nalambwe hamwe na Kristu ku musalaba ; n'ubwo ndiho bwose si jye uliho ; ni Kristu uliho muli jye. » (Iy'Abagalati, 2,20) .

4. «Umuntu waduhozemo wa kera yabambwe hamwe na Kristu ku musalaba, kugira ngo umubili w'icyaha ushire, twekuba abagaragu b'icyaha. » (Iy'Abaromani, 5,60.)

5. «Aho icyaha cyali cyuzuye inema yarahasendereye.» (Iy'Abaromani, 5,20.)

Ayo magambo yo mu Gitabo Gitagatifu arerekana neza ko imyigishilize ya Luteri y'*ububore bwa roho budakira*, inyuranyije n'Ihame ly'iremezo ly'Idini ya Yezu. Mungu yatweruliye ko icyaha kidushiramo, tukaba intungane, ubugingo bwa Yezu bugasendêra mu ndili ya roho yacu.

Byongeye kandi, nta bwo Yezu ashobora kuduturamo atyo, ngo abe ahaturanye n'icyaha, kuko Mut. Paulo atubwira ati :

«Ubutungane buhuliye he n'u buko zi bw'ibibi ? Cyangwa se urumuli ruhûliye kuki n'umwijima ? Kristu na Shitani bacudika bate ? Kuko twe tuli ingoro ya Mungu nyili ubugingo, nk'uko Mungu ubwe yabyivugiye ati : «Nzabaturamo mbatambagiremo ; nzababêra Immana, na bo bambêre umulyango. » (Iya 2 y'Abakorinti. 6.14-16)

Ibyo biremeza neza ko ubutungane buba muli roho imbere, muli yo nyilizina; Kristu akayitûramo, ikaba ingoro ye, ubusembwa ntibuhabalizwe. Ngilyo Ihame lyatangaliiwe muli ilyo Koraniro. Bemeza n'uko *Icyaha cy'Adamu cyokamiye abantu bose*; barangiza bagira bati: «Konsili ntagatifu ntishatse gukomatiliza Bikira Mariya mu bagisamanywe.»

Mu byerekeye umudohôko wa Kliziya, bategeka kurema Amashuli yo kwigishiliza abahungu bitegûra Ubusaserdoti, ngo babanze batôzwe ibyerekeye Teolojiya n'iby'Igitabo Gitagatifu, n'ibindi bya ngombwa ku muntu uzashingwa roho z'abantu. Mbere bajyaga babuha abatabanje kubyitegûra. Ni na ho ibyago byose byaturutse.

Ikoraniro lya gatandatu.

Kuva muli Yuni 1546, bitegûra ibizavugwa mu Ikoraniro rindi: ligirwa ku wa 13 Yanuari 1547. Abepiskopi n'Abarkepiskopi bose namwe bali 55. Ili Koraniro ni lyo lyabaye AKARUSHO N'INTERABAHANGA by'iyi Konsili; ni lyo lyasobanuwemo IMITAGATIFULIZWE YA ROHO. Mu Makoraniro yose, hejuru ya Altari habaga harambitse Igitabo Gitagatifu uko cyahinduwe na Mut. *Yeronimo*, Umwalimu wa Kliziya (yapfuye mu wa 420); i ruhande rwacyo hakaba igitabo cyanditswe na Mut. *Tomas wa Akwino* (wapfuye mu wa 1274) cyitwa *Isangániro lya Teolojiya yose»* (mu gifransa: *Somme Théologique.*) Ibyo bashakaga byose mbere, byabaga byarasobanuwe neza na Mut. Tomas wa Akwino, cyangwa n'abandi Balimu ba Kliziya. 29

Naho rero iby'IMITAGATIFULIZWE YA ROHO. nta n'umwe wali warigeze asobanura uko bigenda. Ubwo rero Luteri yali yavuze ko « Ugutagatifuzwa kwa roho ali *Ukwiringira* Yezu, maze ubwo bwiringire *bukadufubika ubutungane,* » bagombaga kubisobanura na byo, bakerekana inyigisho za Kliziya z'ukuli. zitavuguruza Idini ya Yezu.

Ni bwo Kardinali Marseli CERVINI ababwiye ati : « Mubyitondere cyane ! Ntimugire muti : Ubwo Luteri yavuze atya n'atya, ni ubuyobe byanze bikunze ! Ahubwo twitegereze neza ubuyobe bwe, hato tutazatanisha inyigisho zibyerekeye, ali uwo mwirindo w'imivundo ubiduteye. » Sharle-Kwinto amenye ibyo bategûraga ibyo, atuma kubibuza rwose ngo bitarushaho gutera imidugararo mu Baprotestanti. Abandi baranga na bo, bati: « Ikigomba kujya mbere ya byose, ni ukwemeza amahame ya Kliziya. » Ni bwo rero bakoze ilyo Koraniro, bagatangaza iby'Imitagatifulizwe ya roho.

Ibyo guhamya ko ubutungane butaba *inyuma ya roho*, ahubwo bukayiba mu *ndili* yayo rwose, babyendera ku magambo twavuze mbere yo guhamya kamere y'icyaha cy'Adamu; n'uko basobanulira Kliziya inyigisho z'ubuhanga cyane zitali zarigeze zisobanurwa zityo mbere, zerekeye imitagatifulizwe ya roho.

Ibyerekeye umudohôko wa Kliziya, bategeka ko Umwesikopi wese azajya yicara mu kigo cye, aho kujya kwiherera i Bwami no kuzerera hose. Bashyiraho ibihano bikomeye Kliziya izahanisha abatazayumvira muli ili tegeko.

Urupfu rwa Heneriko VIII

Igihe bakirangiza ilyo Koraniro Henriko VIII, wa Mwami w'u Bwongereza atanga ku wa 17 Yanuari 1547. Ngira ngo wa Mwamikazi mushya yali azanye vuba, *Gatarina Parr*, yavugije impundu, kuko yali mu rubanza rwo gutangwa ngo apfe ; yaziraga ko yali yashatse kwidobeka mu byerekeye Idini, Umwami akamwumvana inyigisho za Giprotestanti, zihakana Isakramentu lya Ukaristiya. Icyakora rero urupfu rwaratesheranyije, Gatarina Parr arokoka atyo.

Henriko VIII yatanze yisasiye abantu benshi bakomeye : Abamikazi be 2 ; ibikomangoma 12 ; Abakardinali 2 ; Abepiskopi 18 ; abantu b'impfura zikomeye cyane 164 ; Abakuru ba Monasteri 12 ; Abamonaki (bivuga Abihaye Mungu) 500 ; abantu b'abahanga mu by'ubwenge 38 ; n'abandi rero b'intabikwa bangana n'umusenyi wo mu ruzi.

Ubwo bimika umuhungu we EDUWARDI VI yali yarabyaranye na Yohana Seymur ; uwo mwana yali amaze imyaka 9 gusa ; hagategeka sewabo Bwana de HERTFORD. Uyu yali yararangije kwemora Ubuprotestanti, aliko bw'Idini yindi itali iya Luteri ; ubwe bwali ubwa Yohani KALVINI, wabwadukanye mu Bufransa, bugacisha ukubili n'ubwa Luteri. Ubwo rero mu Bwongereza batangira guhindura Idini Gatolika yahozeho ku ngoma ya Henriko VIII ; we yali yarashatse Idini *nshisimatiki* (iyemera amahame y'ukuli, igahakana Papa gusa) ; bo bashyiraho idini-mpakanyi Bahindura amasengesho yo gutanga Ubusaserdoti n'Ubwepiskopi, aliko bagumana ayo mazina yombi ; ugasanga rero Umwepiskopi Kanaka n'Umusaserdoti Kanaka, aliko babyitwa ku izina gusa, kuko batabihawe ku bulyo Intumwa zatangaga ubwo bubasha bwo gutegeka roho.

Ikoraniro lya karindwi lya Konsili y'i Tranti.

Ilyo Koraniro likorwa ku wa 3 Marsi 1547 ; hâli Abakardinali 3, Abarkepiskopi 9, n'Abepiskopi 53 ; n'insimbûra 2 n'Abepiskopi batashoboye kuza, n'Abakuru ba Monasteri 2, n'Abategeka b'Imilyango ya Kliziya 5. Muli ilyo Koraniro batangaza inyigisho zerekeye kamere y'Amasakramentu uko ali Arindwi, n'ubulyo atagatifuza roho z'abantu ; ibya rusange kuli yose birangiye, bâtûramo abili barayarundura : *Batisimu* n'*Ugukomeza.*

Mu byerekeye umudohôko wa Kliziya, bategeka ko nta we uzahabwa ubutegetsi bw'iyungu bw'ahantu habili ; (muribuka ko imbarutso y'Ubuprotestanti yabaye ko Alberti wa Brandeburg yali Umwepiskopi w'ibigo bitatu, ku mpamvu yo gushaka iyungu ly'ibikingi byose.) Bategeka n'uko nta we uzahabwa Ubusaserdoti batâbanje kumugerageza ngo barebe ko abikwiliye, n'uko azashobora ibyerekeye iyo milimo ya roho.

Konsili yimuka ikigo cya Tranti.

Muli Marsi iyo, hatêra indwara y'icyorezo muli Tranti, ndetse Abepiskopi 2 barapfa. Ababereye Papa mu cyimbo bahamagaza Ikoraniro lya MUNANI, batangaza ko Konsili yimukira mu kigo cya Bolonya, muli Italiya . Kayizeri Sharle-Kwinto abona ko bashatse kumujya kure, ategeka Abepiskopi 15 bo mu bihugu bye ko baguma i Tranti . Abâgiye i Bolonya, batinya ko hagize igitegekwa na Konsili muli uwo mutâtâno w'Abepiskopi byatêra andi makuba muli Kliziya, bahagilira Amakoraniro ABILI (ilya 9 n'ilya 10) , aliko yo gutegûra gusa ibizatangazwa igihe bazaba bongeye guteranira hamwe .

NYANZA
KWA BWANA
REBELLO DA COSTA
AHENDUKA UKWE